Amashuli ya leta muli Buffalo

UBUYOBOZI BW'IBIKORWA BYO GUFASHA ABANYESHULI

Umutekano w'Abana n'Abangavu/Ingimbi

Umwirondoro. Nt'ukagire uwo uha umwirondoro wawe utabajije ababyeyi ngo babiguhere uburenganzira. Nt'ukagire uwo uha izina ryawe rya kabili, ngo umubwire aho mutuye, ishuli wigamo, cyangwa nomero ya telephone yanyu. Jya wibuka ko kugusabwa amakuru bitavuga ko uba wemerewe kuvuga amabanga yawe yose!

Izina ryawe kuli Screen. Iyo utanze izina ryawe kugirango kompyuta ijye imenya ko ali wowe, ntugatange n'izina lyawe lya Kabili n'italiki wavukiyeho.

Ijambo ryawe ry'ibanga/Passwords. Ntukagire abandi ulibwira, uretse ababyeyi bawe. N'ukoresha kompyuta zikoreshwa n'bantu bose, ntukibagirwe gufunga accounts zawe wali wafunguye zose mbere yo guhaguruka ngo ugende.

Amafoto. Ntugashyire amafoto yawe online, utabiherewe uburenganzira n'ababyeyi bawe.

Incuti zo muli Internet. Ntuzigere wemera ibyo guhura n'incuti zawe mwahuliye online, utabiherewe uruhusa n'ababyeyi bawe. Ugomba kumenya ko muli Internet, hali abantu biyoberanya, bakiyerekana uko batali.

Inyandiko zamamaza. Ntuzagire ikintu ugura online udasabye ababyeyi bawe uruhusa. Hali inyandiko zamamaza zikubeshya ngo watsindiye iki n'iki, nyamara zigamije kukuvanamo amakuru y'umwirondoro wawe.

Gupakurura/Downloading. Jya ubanza uvugane n'ababyeyi bawe mbere yo gufungura attachment/inyandiko ziherekeza email. Hali za attachments ziba zifite virusi. Nt'uzigere ufungura attachment ya email yoherejwe n'umuntu utazi.

Kwibasira/Kwibasirwa/Bullying. Jya wilinda gusubiza ubutumwa bulimo ibitutsi cyangwa bwibasira umuntu. Ni hagira ukwohereza bene ubu butumwa, jya ubwereka ababyeyi bawe. Ubonye ubutumwa bukubabaza, uba ugomba kubumenyesha ababyeyi bawe cyangwa umuntu uguhagaraliye.

Waba ufite ibyo usobanuza? Yaba ufite ibyo usobanuza kuli ibi umaze gusoma, baza umubyeyi wawe cyangwa umuntu uguhagaraliye.